# 245: lyo nibwiye mu mutima

1. lyo nibwiye mu mutima Igit’ Umwami yatangiyeho,Nzinukw' ibyo niratanaga; Mbireba nk'ibitariho rwose.

2. Sinkirat’ikindi, Mukiza, Keretse ko wankunz’ ukamfira;Ndeke n'ibyo nishimiraga, Ngushimir' uko wanyitangiye.

3. Ishavu n'ibambe bivanze Byavuye mu mutima wa Yesu;Mbese, har’ undi Mwami nka we Wateg’ ikamba nk'iryo ry'amahwa ?

4. Mwam’ lyo mba mfit’ isi yose, Nkemera kuyitanga h' ubwishyu,Nta bwo yarangiza na hato Kwishyur' umwenda wanjy’ ukomeye.

5. Urwo rukundo wankunz' utyo Rukwiriye kuntangisha byose,Ibyanjye n'umutima wanjye, Bikab' ibyaw’ ukabitegeka.

Visit us at indirimbo.com